

Uburyo bwo kubaho ku Ishuri

Amabwiriza ku Miryango Mishya

Iyi nyandiko itanga amakuru rusange ku mashuri ya leta yo muri Nova Scotia.

Niba ufite ikibazo kandi ntubone igisubizo hano, nyamuneka vugana n'ishuri ryawe ry'aho utuye, Ikigo cy'Akarere gishinzwe Uburezi (Regional Centre for Education, RCE), cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).

Ingengabihe y'umwaka w'amashuri

Muri rusange, amashuri ya leta muri Nova Scotia atangira mu ntangiriro za Nzeri agasoza mu mpera za Kamena. Porogaramu ya SchoolsPlus ikomeza no mu mpeshyi.

- Umwaka w'ishuri ku byiciro bigera ku cya 9 ugabanyijemo ibihembwe bitatu.
- Umwaka w'ishuri ku byiciro bya 10 kugeza ku bya 12 ugabanyijemo ibihembwe bibiri.
- Gahunda y'amashuri y'incuke ikurikiza ingengabihe y'amashuri.
- Amashuri afata ikiruhuko mu kwezi k'Ukuboza no mu kwezi kwa Werurwe.

Uzabona kalendari y'ishuri y'umwana wawe ku rubuga rw'ikigo cy'Akarere gishinzwe Uburezi cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP). Iyo kalendari izakwereka amatariki nyakuri umwaka w'ishuri w'umwana wawe utangirira kandi unarangirira, kimwe n'iminsi y'ikiruhuko cy'ishuri. Izanagaragaza n'andi matariki ishuri riba rifunze ku banyeshuri.

Urugero, amashuri aba afunze ku munsu wa "Iterambere ry'umwaga" n'"Isuzuma," igihe abarimu b'ishuri bitabira imyitozo y'umwaga cyangwa bari gutegura indangamanota.

Umutekano w'Ishuri

Urwego rushinzwe Uburezi n'Iterambere ry'imikurire y'Abana bato ikorana n'Ikigo cy'Akarere gishinzwe Uburezi cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP), abakozi b'amashuri, n'abandi bafatanyabikorwa benshi kugira ngo amashuri yo muri Nova Scotia abe ahantu abanyeshuri bashobora kwibanda ku myigire kandi abakozi bakore imirimo yabo mu buryo butekanye.

Kugira ngo umenye byinshi ku mutekano mu mashuri, sura: <https://www.ednet.ns.ca/school-safety>.

Umunsi ikirere cyabeye kibi

Niba ikirere ari kibi, ishuri ry'umwana wawe rishobora gutangira nyuma y'igihe, gufunga hakiri kare, cyangwa rikaguma rifunze.

Ushobora kumenya niba amashuri afunze ku minsi y'ikirere kibi ukora ibi bikurikira:

- kumva amakuru y'akarere kawe kuri radiyo cyangwa televiziyo
- kureba ku mbuga z'Ikigo cy'Akarere gishinzwe Uburezi/Conseil scolaire acadien provincial (CSAP)
- gusura imbuga nkoranyambaga z'ishuri ryawe
- kugenzura ubutumwa bwa imeyili cyangwa ubutumwa bugufi buturuka ku ishuri

Baza ishuri mu ntangiriro z'umwaka w'ishuri uburyo wakwakira amakuru mu buryo bwikora, nko mu butumwa bugufi, ku bijyanye no gufungwa kw'ishuri.

Reba igice cyahariwe **"Imodoka y'ishuri"** hasi hano kugira ngo umenye amakuru ku mikorere y'imodoka y'ishuri mu gihe cy'ikirere kibi.

Mbere na nyuma y'ishuri

Sura urubuga rw'ishuri ryawe kugira ngo umenye amasaha ritangiriraho n'igihe risozwa.

Abanyeshuri bagenzurwa mu kibuga cy'ishuri iminota 20 mbere y'uko ishuri ritangira mu gitondo, mbere y'inzogera, ndetse n'iminota 20 ku musozo w'umunsi, nyuma y'inzogera. Menya neza ko umwana wawe atasigara wenyine mu kibuga cy'ishuri. Ni inshingano zawe kwemeza ko umwana wawe yitabwaho mbere na nyuma y'ishuri. Niba ukeneye ubufasha bwo kubona aho umwana wawe yitabwaho, saba ishuri ryawe.

Porogaramu yo kwita ku bana mbere na nyuma y'ishuri ishobora kuboneka mu gace utuyemo.

Kugira ngo ubone andi makuru, harimo urutonde rw'aho porogaramu zibera hakurikijwe uturere, reba ku rubuga rwacu rwa [Porogaramu Mbere na Nyuma](#)

Ikiruhuko mugihe cy'umunsi

- **Igihe cyo kuruhuka:** Abanyeshuri bo mu byiciro bibanza kugeza ku cya 6 bafata ikiruhuko mu gitondo hagati, kitwa recess.
- **Ifunguro rya saa sita:** Amashuri yose afata ikiruhuko cyo kurya hagati y'umunsi.
- **Kugenzurwa:** Mu gihe cy'umunsi w'ishuri, abanyeshuri bagenzurwa n'abakozi b'ishuri mu masomo no mu biruhuko (nko mu gihe cya mugitondo cyangwa ifunguro rya saa sita) ndetse no mu gihe bagenda mu nyubako y'ishuri (nko hagati y'amasomo).

Imodoka y'ishuri

Umwana wawe ashobora kuba yujuje ibisabwa kugira ngo akoreshe imodoka y'ishuri ku buntu. Ibyo asabwa biterwa n'aho atuye ugereranyije n'ishuri ndetse n'icyiciro yigamo. Vugana n'ishuri ryawe kugira ngo ubone amakuru yisumbuye ku byerekeye kwemererwa gukoresha imodoka y'ishuri no kwandikisha umwana wawe.

Menya aho umwana wawe azafatira imodoka y'ishuri kandi wemeze ko agerera kugihe aho bafatira imodoka mu gitondo.

Umutekano ku modoka y'ishuri ni ngombwa, kandi buri wese, harimo abashoferi, abanyeshuri, n'imiryango, afite uruhare mu kwemeza ko imodoka y'ishuri ikoreshwa mu buryo butekanye.

Ku minsi y'ikirere kibi, imodoka y'ishuri ishobora kutabasha gufata umwana wawe. Bishobora gusaba ko witegurira kumujyana ku ishuri nyuma y'igihe gisanzwe, kumufata mbere y'igihe, cyangwa kumusiga mu rugo umunsi wose. Ganira n'ishuri kugira ngo umenye icyo gukora muri icyo gihe.

Kwitabira ishuri no gukererwa

Amushuri y'incuke

Porogaramu y'amashuri y'incuke ni ubushake, ariko dushishikariza abana kuyitangira buri muni. Kwitabira kenshi bifasha umwana wawe kumenyera gahunda z'ishuri, kugirana ubushuti n'abandi, no gutyaza ubumenyi akeneye kugira ngo yinjire mu mashuri neza.

Ibindi byiciro byose

- Abanyeshuri bo mu mashuri abanza kugeza mu ayisumbuye icyiciro cya 12 bagomba kwitabira ishuri buri muni keretse igihe barwaye, bafite gahunda y'ubuvuzi, cyangwa bemerewe n'umubyeyi/umurera. Abanyeshuri bagomba kugera ku ishuri ku gihe buri muni.
- Ganira n'ishuri ryawe kugira ngo wemeze uburyo bwo gutanga amakuru ku kutitabira ishuri no gutinda kugera ku ishuri.
- Niba umwana wawe azaba atari ku ishuri igihe kirekire, menyesha umwarimu vuba bishoboka.
- Kugira ngo umunyeshuri abone ikarita y'amasomo mu mashuri yisumbuye, bitegerejwe ko yitabira byibura 80% by'amasomo yose. Reba muri [politiki y'ishuri igenga ubwitabire bw'umunyeshuri n'uruhare rwe mu masomo Attendance and Engagement Policy](#) kugira ngo ubone andi makuru.

Ibinyo ku ishuri

Porogaramu y'ifunguro rya mugitondo

Abana batangira umunsi wabo bafata ifunguro rya mugitondo biteguye neza kwitabira amasomo no kwiga neza mu ishuri. Porogaramu y'ifunguro rya mugitondo iboneka ku bana bese ku buntu, kandi ntibisabwa kwiandikisha. Nyamuneka ganira n'ishuri ryawe kugira ngo umenye byinshi ku byo iyi porogaramu itanga

Ibiribwa bifatwa hagati mu masomo

Amashuri y'incuke: mu mashuri y'incuke bahabwa ubwoko bw'ibiribwa bubiri buri munsu.

Amashuri abanza kugeza mu ayisumbuye icyiciro cya 12: Abanyeshuri bose bashobora kuzana ibiribwa byo kurya hagati mu masomo, uretse ifunguro rya saa sita, kugira ngo babirye igihe bibaye ngombwa.

Ifunguro rya saa sita

Ifunguro ryiza ku buzima ritangwa ku banyeshuri bitabira amashuri ya leta muri Nova Scotia yose. Iyi porogaramu itangwa ku banyeshuri bo mu mashuri abanza, ayisumbuye, n'ayisumbuye gato

Kugira ngo umenye byinshi : sura urubuga rwa [Nova Scotia School Lunch Program](#)

Kuzana ifunguro riva mu rugo

- Niba umwana wawe azana ifunguro riva mu rugo, menya neza ko rifite umutekano wo kuribwa ku bushyuhe busanzwe cyangwa ukoreshe ububiko bw'ubukonje kugira ngo bifatwe neza.
- Agakapu k'ifunguro rya saa sita kagomba kuba kanditseho izina ry'umwana wawe.

Icyotonderwa: Abanyeshuri bo mu mashuri abanza kugeza mu ayisumbuye icyiciro cya 12 barashishikarizwa kuzana icupa ry'amazi kugira ngo babe bafite amazi yose akeneye kunyobwa mu gihe cy'umunsi w'ishuri.

Ibiryo n'ubwivumbure bw'umubiri

- Niba umwana wawe afite ubwivumbure bw'umubiri, menyesha ishuri igihe cyo kwiwandikisha.

Amashuri yubahiriza kudakoresha ibintu bifite impumuro ikabije

Hari abagira ubwivumbure bw'umubiri ku mpumuro zituruka ku bikoresho cyangwa imiti ikoreshe mu bwiza (parufe, ibikoresho byo kwisiga, shampoo, imibavu, n'ibindi). Amashuri menshi nta mpumuro ikabije yemera. Ibi bisobanura ko amashuri asaba abanyeshuri n'abakozi kutifashisha ibikoresho bifite impumuro mbere yo kuza ku ishuri. Shaka ibikoresho bidafite impumuro ku muryango wawe kandi ushishikarize umwana wawe kutifashisha ibikoresho bifite impumuro mbere yo kujya ku ishuri.

Imyambarire ku ishuri n'ikirere

Abanyeshuri bose bazamara igihe gito hanze y'ishuri mu gihe cy'umunsi w'ishuri. Ibi bishobora kuba mbere y'uko ishuri ritangira, igihe ishuri rirangirira, cyangwa mu biruhuko bya mugitondo, ifunguro rya saa sita, n'igihe cyo gukina. Niba ikirere ari kibi, ishuri rishobora gufata umwanzuro wo kurekera abanyeshuri imbere mu nzu umunsi wose.

Menya neza ko umwana wawe yambaye neza bitewe n'ikirere:

- Mu mpeshyi, umwana wawe akenera ingofero y'izuba ndetse n'amavuta yo kurinda uruhu izuba.
- Ku minsi y'imvura, umwana wawe akenera inkweto z'imvura n'ikoti ritinjiramo amazi.

- Mu gihe cy'itumba, umwana wawe azakenera ikoti, inkweto z'itumba, uturindantoki gloves cyangwa mittens, n'ingofero.
- Ishuri ry'umwana wawe rishobora no gusaba ko umwana wawe agira inkweto z'imbere mu nzu zo guhinduramo.

Amashuri y'incuke: Abana b'incuke bamara byibuze 40% by'umunsi hanze. Bazaba hanze mu kirere gitandukanye kandi bazanasohoka bameze nk'uko bajya mu mikino y'amazi, ibyondo, umucanga, ibibabi, ndetse n'urubura. Nyamuneka ohereza imyenda y'inyongera ku mwana wawe buri munsi kugira ngo abashe guhindura igihe bibaye ngombwa. Umwarimu w'abana bato azakumenyesha imyenda umwana wawe akeneye.

- "Imyenda irinda abana" ishobora kuboneka ku ishuri ry'umwana wawe. Iyi ni imyenda y'umwimerere irinda abana n'imyenda yabo. Umwarimu w'abana bato azakumenyesha niba "Imyenda irinda abana" iboneka ku mwana wawe.

Ubuzima n'umutekano

Niba umwana wawe arwaye cyangwa akomeretse ari ku ishuri, abakozi b'ishuri bazaguhamagara kuri numero watanze ku byerekeye iby'ihutirwa. Niba ishuri ritabashije kukugeraho, bazahamagara umuntu w'ihutirwa wandikishije ku ifishi yo kwiyandikisha. Niba indwara ikomeye, ishuri rizahamagara 911, kandi umukozi w'ishuri azajyana umwana wawe kwa muganga.

Indwara cyangwa ibibazo by'ubuzima byabanje kubaho: Mu gihe wandikisha umwana wawe, nyamuneka menyesha ishuri ku bijyanye n'indwara cyangwa ibibazo by'ubuzima afite. Ibi bifasha ishuri gukorana n'ibigo nderabuzima, ushobora gukorana nawe, n'umwana wawe hamwe n'abatanga ubuvuzi, kugira ngo hamenyekane gahunda ikwiriye yo kwita ku mwana wawe ku ishuri. Serivisi zo guhindura ururimi zirahari niba uzikeneye.

Telefoni ngendanwa: Itangazo rya Leta ku gukoresha telefoni ngendanwa mu mashuri ryashyizweho kugira ngo rishyigikire imyigire y'abanyeshuri, umutekano wabo, n'imibanire myiza. Kugira ngo umenye amakuru ku gukoresha telefoni mu gihe cy'umunsi w'ishuri, reba ku rubuga [Provincial Directive on Cell Phone Use in Schools](#)

Gusohoka cyangwa ingendo shuri

Gusohoka cyangwa ingendo shuri ni igice cy'ingenzi cya porogaramu y'ishuri. Abarimu bashobora gutegura ko abanyeshuri basura inzu ndangamurage, inzu z'ikinamico, cyangwa ahandi hantu hatandukanye. Uzaba ukeneye gutanga uruhushya rwanditse ku ishuri kugira ngo umwana wawe aje muri izi ngendo. Umwana wawe azazana ifishi y'uruhushya kugira ngo uyisinyire usubize umwarimu mbere y'igihe cy'urugendo cyangwa ingendo z'ishuri.

Ibikoresho by'ishuri

Amashuri y'incuke: Abana bitabira ishuri ry'incuke bahabwa ibikoresho byose by'ishuri.

Amashuri abanza kugezamu ayisumbuye icyiciro cya 12: Abanyeshuri bagomba kuzana ibikoresho byabo ku ishuri buri munsi. Ibi bikoresho birimo amakaramu, amagoma, impapuro, n'ibindi. Ishuri ritanga ibindi bikoresho by'amasomo, nk'ibitabo n'ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Ishuri ry'umwana wawe rizashyira ku rubuga urutonde rw'ibikoresho ugomba kugura mbere y'uko ishuri ritangira muri Nzeri.

Niba ukeneye ubufasha mu kugura ibikoresho by'ishuri, nyamuneka menyesha ishuri ryawe cyangwa uhamagare SchoolsPlus, YMCA umuryango mpuzamahanga utanga serivisi z'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage, YREACH gahunda ifasha urubiruko n'imiryango mishya kwiubaka no kwinjira mu buzima bwa sosiyete muri Nova Scotia, cyangwa Immigration Francophone itanga serivisi ku bimukira bavuye igifaransa. (reba igice cya nyuma).

Isomero: Amashuri menshi afite isomero. Umwana wawe ashobora gutira ibitabo mu isomero ku buntu no kubizana mu rugo. Ibitabo bigomba gutirurwa.

Ibintu by'umuntu ku giti cye

Umwana wawe ni we ushinze kwita ku bintu by'umuntu igihe ari ku ishuri. Amashuri amwe n'amwe ashobora kugira akabati umwana ashobora kubikamo ibintu by'umuntu mu mutekano. Ni byiza kwandika izina ry'umwana wawe ku bintu by'umuntu byose.

Umwana wawe ntakwiye kujyana ku ishuri amafaranga menshi cyangwa ibindi bintu by'umuntu agaciro kanini. Ishuri ntiriyita ku bintu bitakaye, byangiritse, cyangwa byibwe.

Amashuri menshi agira aho bashyira ibintu byatakaye. Niba umwana wawe ataye ikintu cye bwite, ashobora kugisanga aho bashyira ibintu byatakaye.

Urubuga rw'abanyeshuri n'ababyeyi

Amakuru y'abanyeshuri acungwa binyuze muri sisitemu ya elegitoroniki yitwa PowerSchool, aho abanyeshuri n'ababyeyi/abarezi bashobora kubona amakuru ako kanya, nk'ingengabihe y'amasomo, imikoro bahawe, amanota, kwitabira ishuri, ibitekerezo by'abanyeshuri, n'amatangazo atandukanye y'ishuri. Kugira ngo winjire ku rubuga, saba abakozi bo ku biro by'ishuri izina ukoresha n'ijambo ry'ibanga hanyuma usure urubuga: www.ednet.ns.ca/inschool/students_parents.

Serivisi za Google zifashishwa mu burezi

Abanyeshuri bazahabwa konti ya GNSPES cyangwa SEPNE (mu mashuri ya Conseil scolaire acadien provincial) ifite izina ukoresha n'ijambo ry'ibanga lyi konti ituma babona ibikoresho n'isoko y'ibikoresho by'ikoranabuhanga bifasha mu myigire, byemejwe gukoreshwa muri sisitemu y'uburezi rusange ya Nova Scotia.

Abanyeshuri n'abanyeshuri bashobora kandi gukoresha ibikoresho bya Google byifashishwa mu burezi kugira ngo bahange, babike, kandi basangire inyandiko, ndetse no guhana amakuru hagati yabo.

Mu gihe bakeneye ubufasha kuri konti yabo ya GNSPES cyangwa mu gukoresha ibikoresho byose by'ikoranabuhanga, abanyeshuri bashobora gusaba ubufasha ku mwarimu w'ishuri ryabo cyangwa ku mwarimu w'icyongereza nk'ururimi rw'inyongereza cyangwa igifaransa nk'ururimi rw'inyongereza.

Urubuga bakoreraho imikoro rwa Homework Hub

Nova Scotia
HomeworkHUB



APPUI aux devoirs
Nouvelle-Écosse

Nova Scotia Homework Hub ni urubuga rw'abanyeshuri rwo kuri interineti ruri mu ndimi ebyiri (Icyongereza n'Igifaransa) kuva ku mwaka wa 4 kugeza ku wa 12, rutanga ibikoresho bifasha mu kunoza ubumenyi mu mibare, birimo:

- Amasomo y'amashusho
- Ibibazo byo kwitoza bifite ibisubizo ako kanya
- Ibitabo by'imibare mu buryo bwa elegitoroniki
- Ibikoresho byo kubara by'ibanze, bya siyansi, n'ibishushanyo
- Amakarita y'inyuguti z'imibare mu buryo bwa elegitoroniki
- Amasomo y'imibare ku buntu, atagaragaza amazina y'abanyeshuri, atangwa n'umwarimu wemewe wa leta ya Nova Scotia:
 - Ku masomo yo **kuri interineti**, abanyeshuri bashobora gukanda ku ishusho y'umwarimu iri aho bakorera imikoro kuri Homework Hub Amasomo yo kuri interineti ntakoresha camera; abanyeshuri n'abarimu basangira amakuru bifashishije icyapa cy'ikoranabuhanga.
 - **Ku masomo yo kuri telefoni**, abanyeshuri bashobora guhamagara 1-888-444-6607. Abanyeshuri bagomba gutanga numero yabo y'indangamuntu y'umunyeshuri.

Abanyeshuri bashobora kwinjira aho bakorera imikoro kuri Homework Hub binyuze mu kwinjira muri konti yabo ya [GNSPES](#) no guhitamo ikirango cya Homework Hub.

Ibikorwa by'inyongera

Ibi ni ibikorwa, nk'imikino cyangwa itsinda ririmba ry'ishuri, bikorwa ku ishuri ariko inyuma y'amasaha asanzwe y'amasomo. Ushobora gutekereza gushishikariza umwana wawe kwifatanya n'ibikorwa by'inyongera ku masomo, bishobora kumufasha kunoza ubumenyi bwe mu Cyongereza/Igifaransa, kubona inshuti, no kwiyumva neza mu ntara nshya abamo.

SchoolsPlus



SchoolsPlus itanga gahunda zitandukanye n'inkunga ku banyeshuri, imiryango, n'amashuri. Izi gahunda zishyirwa mu bikorwa binyuze mu bufatanye butandukanye, bigatuma serivisi zitangwa ahantu hamwe kandi ishuri rikaba ikigo cy'inkunga ku miryango. Serivisi zitangwa muri buri shuri zubahiriza kandi zikita ku bintu byihariye by'iyi miryango cyangwa sosiyete.

Izo poragaramu zishobora kubamo:

- Poragaramu zifasha ababyeyi
- ibikorwa by'imyidagaduro, imibanire n'ubuhanzi
- gusangira ubumenyi n'ubushobozi
- ibikorwa by'umuco
- gahunda z'amatsinda zigamije gutanga inkunga (urugero: gahunda z'abakobwa n'abahungu bakiri bato, gahunda zita ku kwiheba no kurwanya ihohotera)

YMCA umuryango mpuzamahanga utanga serivisi z'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage

Mu rwego rwo gufasha kwimuka k'umuryango wawe mu muryango mushya w'ishuri, wowe n'umwana wawe mushobora kwitabira gahunda z'aho muri, nkiz' umuryango mpuzamahanga utanga serivisi z'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage

Porogaramu ya YMCA yo gufasha abanyeshuri kwimukira mu mashuri iboneka mu Karere ka Halifax no mu miryango iri hanze ya HRM ifite Porogaramu ya YREACH.

Kugira ngo ubone amakuru arambuye, reba ku rubuga rwa [YMCA](#) mu gice cya Porogaramu z'Abimukira.

Immigration Francophone

[Immigration Francophone de la Nouvelle-Écosse](#) (IFNÉ) ni umuryango udaharanira inyungu uri i Halifax utanga serivisi z'ubuntu zo gufasha abimukira bavuga Igifaransa. Izi serivisi ziboneka mbere na nyuma yo kugera hano.

Umukozi ushinze gufasha abanyeshuri ku ishuri wa IFNÉ afasha imiryango yose yo mu ntara ituye kuburyo bwa burundu kandi abana babo biga mu mashuri ya Conseil Scolaire Acadien Provincial. Serivisi zitangwa mu ishuri

Uburyo bwo kubona amakuru

Kugira ngo ubone andi makuru, vugana n'Ikigo cy'Akarere gishizwe Uburezi (Regional Centre for Education, RCE) cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).

- **Annapolis Valley Regional Centre for Education (AVRCE)**
- **Cape Breton-Victoria Regional Centre for Education (CBVRCE)**
- **Chignecto-Central Regional Centre for Education (CCRCE)**
- **Conseil scolaire acadien provincial (CSAP)**
- **Halifax Regional Centre for Education (HRCE)**
- **South Shore Regional Centre for Education (SSRCE)**
- **Strait Regional Centre for Education (SRCE)**
- **Tri-County Regional Centre for Education (TCRCE)**
- **SchoolsPlus itanga serivisi n'ubufasha butandukanye kandi iboneka muri buri shuri ryo muri Nova Scotia**

Kubona ubufasha mu muryango w’aho utuye, hamagara:

- **YMCA School Settlement** – iboneka mu karere k’umuji wa Halifax Regional Municipality (HRM)
- **YREACH** – iboneka mu ntara yose (hanze ya HRM)
- **Immigration Francophone** – iboneka binyuze ku mukozi ushinze abanyeshuri n’imiryango y’abimukira